CASE NO: ICTR-99-52-T
EXHIBIT NO: P-12 ... 18-9-2001
DATE ADMITTED:
TENDERED BY:
NAME OF WITNESS:

K0210822

| | | |
|---|---|---|
| ***IDENTIFICATION*** | : | ***RTLM 0096 du 25/10/93 LIB*** |
| ***DURÉE*** | : | ***60 minutes*** |
| ***QUALITÉ*** | : | ***Assez bonne*** |
| ***TRANSMISSION*** | : | ***Radio RTLM*** |
| ***NOM DU FICHIER*** | : | ***RTLM 0096*** |
| ***DATE DE TRANSCRIPTION*** | : | ***Le 09.03.2000*** |
| ***NOM DU TRANSCRIPTEUR*** | : | ***MUSHONGANONO Béatrice*** |
| ***DICTAPHONE*** | : | ***ExpressWriter BO-760/49***<br>***MODELE: 2750-6***<br>***SERIE: 516565*** |

**Cassette n° 0096 transcrite par M.B.**

**FACE A**

+ HITIMANA Noël parle avec insistance, à propos des militaires handicapés de guerre;
+ de la fête des forces armées rwandaises;
+ Entretien: Noël avec certains membres du FPR à propos de la radio MUHABURA;
+ Appelle les Hutus pour leur unité (Impuzamashyaka qu'il compare au Fund raising des Tutsis), et défend la RTLM;

+ Le parti MDR encourage la RTLM à bien continuer ses travaux;
+ Annonce de la marche de protestation contre le massacre au Burundi, par les refugiés Burundais de Kibungo.

+ HABIMANA Kantano parle du regretté NDADAYE, ex président du Burundi;
+ Trois ministres Burundais se refugient au Rwanda.

+ M$^{me}$ UWILINGIYIMANA Agathe, premier ministre invite les partis à être unis;
+ Elle cite les trois objectifs de son Gouvernement.

**FACE B**

+ MDR-PVK annonce son appui à la RTLM.
+ Noël annonce l'ouverture des comptes bancaires, BCR, BK, BACAR au profit du gouvernement burundais exilé au Rwanda.
+ Handicapés militaires et rescapés de guerre (Hôpital militaire de Kanombe).

+ Interview de L$^{t}$ David (compagnie médicale).
+ Fonctionnement de l'hôpital militaire de Kanombe, par le directeur de cet hôpital.
+ La fête des Forces armées rwandaises. (Participation des militaires handicapés).par Caporal BIZIMUNGU.

**Cassette n° 0096 transcrite par M.B.**

+ Réconciliation,

(Musique... 3.1)

***ORATEUR: HITIMANA Noël de la RTLM:***

... ubwo... bya bimuga... abantu babaye ibimuga kubera iyi ntambara bageze ino aha... (inaudible) bikomeye, harimo agace kamwe gato nzabagezaho ejo, nzageza ejo, ariko kandi ni ko bameze simvuze ngo barabaje na bo ubwabo barabyivu... bazabyivugira, barababaje ariko bafite n'ukuntu baseka. Ejo ni umunsi w'ingabo z'igihugu tubyibuke ejo ni itariki y'umunsi w'ingabo z'igihugu tubimenye, n'ingabo aho ziri zose nk'uko babinsabye bambwiye bati "Noheli nugera kuri Radiyo RTLM ubanze uturamutse", ndabaramukije rwose! Ndabaramukije rwose ati "uramutse n'ingabo zose". Na zo ndaziramukije, ati "n'imiryango yacu yose", ati "abana bacu, abagore bacu, ababyeyi, abo twasize imuhira", ati "bamenye ko watwitayeho kandi ko... uwapfuye yarapfuye", ati "ariko ni muzima aracyariho". Uwo muzika ugiye gukurikira tuwutuye ingabo.

(Musique)

Kuri RTLM nta kibazo dushaka. Nta kibazo dushaka, hari abavuga ko Radiyo RTLM ishaka guteranya ariko se iteranya ba nde na ba nde? Iteranya ba nde na ba nde ko andi maradiyo yirirwa asebya ubutegetsi buriho murayazi simvuze n'amazina yayo ariko ara.., arabusebya. Ese bayavugaho iki abo bategetsi ko atasabye n'amahanga ngo nayafunge? Uh? Ibyo ayo maradiyo yirirwa avuga kubutegetsi no ku bategetsi no kuri Perezida wa Repubulika ih? Ko batasabye amahanga kandi barabishoboye ngo bayafunge ni iki? Hari n'uwambwiye ih? Huum! Nabajije umwe muri bo Diregiteri wa radiyo imwe muri... muri izo ngizo nti ese sha? Uu! Nti buriya radiyo yanyu muzayinjiza mu gihugu ra? Ii... ati "tuzayinjizamo" ati "buriya natwe tuzakurikiza amategeko mwakurikije" ati "natwe turebe ukuntu radiyo yacu yagera mu gihugu". Nti ese ko mwansebeje cyane ubutegetsi? Ati "ni igihe twari turimo" ati "ubu ngubu tuzajya twubaha Perezida wa repubulika, tuzajya tuvuga Nyakubahwa", ati "rwose" ati "biri mu nzira nziza da"! Ati "tuzikosora tuzaza nkamwe uko mukora ariko si kuki turi mu gihugu"?

**Cassette n° 0096 transcrite par M.B.**

Muri uru Rwanda rero ikibazo kirimo ni kimwe, ni uko abantu badashaka ko twumvikana. Ni ba nde badashaka ko twumvikana si? Ni Abahutu binaniye? Uh? Ni Abahutu batibuka? Ese ni Abatutsi bashaka ubutegetsi? Ni abafite umururumba se? Ni ba nde? Abo bantu bajye bimenya bamenye ko n'abandi babazi noneho twumvikane, twumvikane muri uru Rwanda nk'uko ejo nababwiye ko haru... habaye urugendo rwa... rw'ama... amashyirahamwe menshi aharani ee... ee... ikiremwamuntu, amashyirahamwe aharanira ikiremwa muntu yitabaje mu rugendo bakoze n'amashyaka menshi narabibabwiye, mbabwira ko nk'uko nari mvuye kuri sitade nari nsize umurwanashaka... Impuzamugambi ya CDR Ségéral waho MUGIMBA amaze kubivuga, amenyesha abari aho bose ko icyaba ngombwa kandi cyiza ari uko Abahutu bose mu mashyaka barimo yose bakayagumamo babishatse si ngombwa ko bajya muri CDR, ariko ayo mashyaka barimo ati "tugize impuzamashyaka uh? Nk'uko hari impuzamashyirahamwe", ati "iyo mpuzamashaka Abahutu bakimenya bakamenya aho babonanira bakamenya ibanga ryabo, isiri ryabo nk'uko abatutsi bafite isiri", isiri ry'Abatutsi rirazwi turarizi yuko nabibajije n'abaririmo bati "isiri ryacu turyita *fund raising*". *Fund raising* ni ukuvuga ko tubivuge Umututsi wese uri ku isi aho ari hose ari mu muryango, mu muryango wabo nta wakwima undi ifaranga, nta wakwima undi imfashanyo, ntawabura kurihira undi ishuri, ntawabura kumufasha mu byago byose arimo, kumukura mu buroko kumuburanira kugira gute, ko *fund raising* yabo irazwi. *Fund raising* rero *fund* mu cyongereza ni ukuvuga icyo kurya, raising ni *oraganisation, organosation* yo kugira ngo bamenye kwimenya, tubivuge tubisubiremo irahari ariko... none se kubivuga byatuma n'iyi ira... ngo iyo radiyo irateranya ko? biriho si? Kuki abo bavuga ngo iyi radiyo ngo, ngo" iki n'iki ko biriho"? Abategetsi nabo barabizi, n'uwo mu Minisitiri uvuga ngo "nye... nye... nye..." arabizi. Yakwimenye... (arimyoje). Abo reka turekere aho. Yakwimenye ngo "na nyina w'undi abayara umuhungu"!

(Musique)

Non traduit !

Ahaha! Huum! Na njye nzi *kubaprovoka*, ih? Ndababwiye mu kanya nti *fund raising* bati... ni... ni... biriya ni ugushaka ibiryo cyangwa ni... ni ukureba ukuntu babigenza", umuntu ahise anatelefona ati "Noheli" ati "icyongereza ii... uzajye kucyiga" ati "uzajye kucyiga ukimenye" ati "*fund raising*" ati

**Cassette n° 0096 transcrite par M.B.**

"mu Gifaransa ni *recolte de fond*"; ni ukuvuga ko bashakisha hose ku isi aho umuntu ari hose agatangira icyo afite. Ariko kandi tuzi neza ko udafite amafaranga muri abo bantu nyine... muri *Comité international* y'Abatutsi gushaka amafaranga barayashaka, bafite ku makonte mu ma banke bazieranyeho ku isi yose ariko kandi ih? *Fund raising* ati "bimenye neza ni *recolte de fond*, ni ugushakisha amafaranga ku isi yose" ati "kandi barayafite". Murakoze.

(Musique) ... Radiyo RTLM mu minota cumi n'itandatu turaba dufite saa mbili hano... i Kigali. Ih? Mbabwiye ibya RTLM nta bibazo turimo rwose twe tuzi ko nta bibazo dufite nta n'ibyo dufite. Ariko kandi hari ababyumvise babyumvise kare ih? Muri iki gihugu umanza umuntu asigaye yandika ibarwa atari yanayisohora cyanga n'ubwo akiyifite muri *manuscrit* ni ko babyita akiyanditse mu... ku ntoki, ikaba yamucitse ikaba yageze hanze! Ibyo na byo biteye ikindi kibazo, ariko kuki ibi bintu bibaho?

Ubwo rero... muri MDR, MDR Kigali-ville, Kigali-PVK batwandikiye bati "twebwe kuri MDR Kigali-ville, B.P.2278, Téléphone 77969 i Kigali", ati "ku... kuri RTLM tubagejejeho ubutumwa bwa Biro ya MDR muri Perefegitura y'umujyi wa Kigali bwo gushyigikira Radiyo RTLM". "biro ya MDR mu mujyi wa Kigali, imaze kubona ibaruwa Ministre RUCOGOZA" huum noneho turamumenye umanza koko babibonye, "imaze kuba..." birasekeje, "imaze kubona ibaruwa Ministre RUCOGOZA yohererejе Perezida wa radiyo yigenga ya... ye... ya RTLM, imaze kubona ko muri iyo baruwa harimo umugambi w'iterabwoba no kuniga itangazamakuru, imaze kumva icyo abandi barwanashyaka benshi ba MDR batuye mu mujyi wa Kigali babivugaho cyane cyane ko muri iyi minsi ushaka amakuru ayashakira kuri RTLM, yemeje gutangaza ibi bikurikira:

- biro ya MDR mu mujyi wa Kigali ishyigikiye byimazeyo uburyo RTLM yatukurikirani... ee... yatudurikiraniye ibikorwa n'ubwicanyi... by'ubwicanyi byakorewe abavandimwe bacu b'Abarundi.
- icya kabiri: irasanga Minisitiri RUCOGOZA afite umugambi mubi wo guhisha ukuri Abanyarwanda aniga itangazamuguru aa... itangazamakuri ryigenga.
- icya katatu: irasaba Minisitire RUCOGOZA gusobanukirwa akamenya gutandukanya itangazamakuru rya Leta n'iryigenga n'ibitekerezo byi... n'ibitekerezo bye bwite, ibye bwite kuko

ibyo bita amabanga ya Leta afite... amabanga ya Leta afite abashinzwe kuyabi... kuyabika, bityo rero akaba adashobora kwivanga mu bireba itangazamakuru ryigenga, usibye ko bakoze ikosa yabiregera bakabihanirwa hakurikijwe amategeko. Uwasinye ni Frodouald KARAMIRA, Perezida wa kabiri wa... Perezida wa MDR... Perezida wa MDR ni Perezida wa MDR PVK. Kigali. Frodouald KARaMIRA ni we wasinye iryo tangazo.

Nanyje singiye kuvuga ngo ninjye ngo nongereho, umunyamakuru wo mu itangazamakuru ryigenga mu isi yose birazwi iyo akosheje inkiko ziriho baramurega ikibazo kirihe si? Ya... azarege cyanga azaze yisobanure twe mikoro turayitanga nta mpu... nta mpaka ziriho kuko nta wuniganwa ijambo kuri RTLM kandi twararahiye

(musique)

... ni uko Abarundi... Abarundi b'i Kibungo, aba Kibungo bose biyemeje ko ejo mu gitondo na bo bazakora urugendo rw'akababaro, bakaba badusabye ko twasaba Abanyarwanda bose bazaba bari muri ako... muri ako karere ka Kibungo ko bazabibafashamo bakabashyigikira bose bakagenda muri urwo rugendo rw'akababaro.

(Musique)

***<u>ORATEUR: HABIMANA Kantano</u>*:**

... na mugezwaho na HABIMANA Kantano. Ubu ni saa tatu zibura cumi n'itanu. Mutubabarire ko twatinze byatewe no gushakashaka hirya no hino.

Mu Burundi rero ni ho twese duhanze amaso. Abaryambwa baba bake bagatukisha umuryango; ni umugani Ministre w'abakozi ba Leta NYANGOMA yaciye avuga ko za nkarabankaba z'Abatutsi b'i Burundi bahotoye demukarasi bakica urw'agashinyaguro Perezida witorewe NDADAYE. Abo baryambwa rero noneho bavuye ku mugabo badukiriye umurambo! Twamenye ko umurambo wa Nyakwigendera NDADAYE bawuhambye rwihishwa kugira ngo hatazava aho hagira umenya

ubusembwa ibyo bisimba byamuhambanye. Amaraso ye ibyo ari byo byose azababarweho. Niyigendere iyo ntwari MANDELA, SANKARA w'Abarundi, niyibagirane RWAGASORE havugwe NDADAYE mu Burundi no mu isi.

Andi makuru y'u Burundi, ku makuru mashyashya ibintu bikomeje gucika abantu basubiranamo. Abasirikare b'Abarundi b'Abatutsi ejo basutse n'indege amabombe atwika hejuru y'umujyi wa Gitega iwabo wa Nyakwigendera NDADAYE mu ndiri ya FRODEBU. Ubwo ngo babazizaga yuko Abatutsi bari muri karitsiye ya FRODEBU bose ngo bari babishe bahitamo kumateraho amabombe atwika bita "bombes au napalm" kugeza ubu ntituramenya umubare w'abapfuye. Naho igihuha cya la Voix de l'Amérique ya... nako la Voix de l'Allemagne DEUTSCHE WELLE kivuga ko nta Mututsi n'umwe usigaye wo kubara inkuru, ibyo ni ugukabya. Ariko se ko tumaze kugira mu Rwanda impunzi ibihumbi magana ane, abo Batutsi bariho baricwa na nde? Ariko kandi ntitukirengagize ko Abanyafurika turi *Abanyafurika, mu Burundi ntihapfa Abahutu gusa.*

Indi nkuru yo mu Burundi, Ministre uhagarariye Leta iri mu buhungiro i Kigali, bwana MINANI amaze gutangariza Radiyo yigenga ya RTLM ko ubu aho ari ari kumwe na mugenzi we w'umucamanza bwana TWIMA BAKAMA Fulgence, yaje yihishe anyuze Uvila muri Zayire ku bw'Imana agera mu Rwanda ubu babaye abaministre batatu barimo NYANGOMA bakiriho. Iyo abantu udashobora iyo udashobora kwica ubwoko ngo ubumare, ibyiza ni ukubana mu mahoro ni isomo mu bihugu byombi.

Mu kanya... nyarukiye kureba aho nakekaga abo baministre ngo ngire icyo mbabaza, aho ba... nakekaga ko bacumbitse ndababura ahubwo mpasanga Inkotanyi zihungutse vuba aha umenya nazo zakekaga ko ariho aba... ari ahari ngo babahe babasengerere ni ukuba menge!

Inkuru ya kabiri nziza noneho ni iy'ishyirwaho ee... nyuma y'iryi.... yi... y'ishyirwaho rya Guverinoma ikorera mu buhungiro i Kigali abantu bose bi... bi... i Burundi bishimye cyane, kuko ibyo ari byo byose

barumva bavuga bati "nibanahonnya n'abari hano tuzajya tugira urwibutso hariya", akaba ari cyo gituma Abanyarwanda twese tugomba gushyigikira iyo Guverinoma, yee... nyuma rero y'iyo nkuru nziza ya Guverinoma ikorera mu buhungiro kuko buriya ni cyo cyabashobara nibiba ngombwa n'abadepite bazimukira i Kigali hanyuma ubundi turebane; ishyaka PARPEHUTU igice gifite ingabo zirwana zitwa FLN "Front de libération nationale" ngo ziriho bemeje gushyira hamwe na FRODEBU iyo rero ni inkuru nziza kuko iyo abantu bashyira hamwe burya Imana irabasanga. Uko ni ugushyirahamwe kw'Abarundi, ee... ni ugushyira hamwe ku... mu Burundi, mu Rwanda se bimeze bite?

Ikinyamakuru *"Le Messager-Intumwa"* kimaze gutangaza ko icyo kinyamakuru cyandikwa na Edouard MUTSINZI, kimaze gutangaza hamwe n'amafoto yuko hamaze kuvuka ishyirahamwe ry'ibyitso, riyobowe na GATERA Karipofori wari warakatiwe urwo gupfa mu gaco ka... ka MUNYEMBARAGA. Ee... icyo gihe Inkotanyi zari zigitera.

Mu gihe abatutsi bakora imiryango hirya no hino... yo kwisuganya, nimunyumvire Madamu UWIRINGIYIMANA Agata, Ministre w'Intebe wa guverinoma *itaguye* ayobora ubu, ariko se aracengana na nde? Mwiyumvire namwe ijambo Ministre w'Intebe yavugiye muri mitingi mu Ruhango ejobundi ku itariki ya gatatu y'ukwa *cumi muri mirongo* cyenda na gatatu, nimumara kuryumva ndaza kubashyiriraho ijambo ee... Ministre Agata... Ministre w'Intebe Madamu uwiringiye aga... ee... UWIRINGIYIMANA Agata yavugiye kuri STADE REGIONAL i Nyamirambo itariki cumi na zirindwi z'ukwezi kwa cumi mirongo cyenda na gatatu, murakubitwa n'inkuba mwumvise *itandukanyiro rira... riri muri* ayo ga... magambo yombi.

*Aho iyi* Guverinoma ifite ingufu wa mugani? "Umugabo ahindukira mu kiryamo ntahinduka ku ijambo". N'umugore ni ko byage.... byagombye kugenda, bitabaye ibyo ntibaba batahiriza ku mugozi umwe. Ndabeshya *Excellence madame le Premier ministre?* Mwumve *Madame Premier ministre* ijambo yavuze itariki eshatu z'ukwezi kwa cumi muri moro... mirongo cyenda na gatatu ntituzi uwo

bacenganaga ariko rero iyo umuntu yatangiye guhuzagurika ndakeka yuko...

***ORATEUR: Madame UWIRINGIYIMANA Agathe, Premier ministre*:**

Duhere mu ishyaka ryacu, duhere mu ishyaka ryacu twunge abarwanashyaka, twagure amarembo abarwanashyaka bahuze ibitekerezo niyo demokarasi. Ni yo demukarasi guhuza ibitekerezo bikajya hamwe bikubaka, bikubaka u Rwanda. Duhuze abarwanashyaka, twagure amarembo abarwanashyaka tubahuze n'Interahamwe, tubahuze n'Impuzamugambi, tubahuze n'abandi barwa... Banyarwanda bose maze ngubwo ubumwe tuzaririmba buri gihe, ngubwo ubumwe tuzaraga abana bacu, ubuvivi n'ubuyi... vivure bakazajya birahira ishyaka MDR ryo muri mirongo cyenda na gatatu. (Applaudissements).

Twunge ubumwe dushake babandi mu ishyaka... batwirukanye mu ishyaka twunge ubumwe tubahamagare, tubasaba gusubiza inkota mu rwubati, tubasabe gusiba uruganda rw'ibitutsi, dusubirane dusabane ngicyo icyo numvise uyu munsi twavuga, twavuga ku ishyaka ryacu muri iki gihe rirangwamo amacakubiri, tujye duhurira kungurana ibitekerezo bigamije kubaka ishyaka kuko nta gice na kimwe cy'iri shyaka gishobora kwirahira ko kizatsinda kiri cyonyine ibyo ntibishoboka!

Barwanashyaka... nabonye... ku rupapuro... rutanga gahunda y'uyu munsi, abarwanashyaka... bansabye... kugira icyo mvuga ku mirimo ya Guverinoma nyobora. Guverinoma nyobora ifite inshingano eshatu ndazibabwira ariko... simvuga imirimo ya Guverinoma muri mitingi aha ngaha, kuko hari ahandi henshi ngira igihe cyo kugira icyo ngeza ku Banyarwanda. Inshingano eshatu kwari ukurangiza imishyikirano ya Arusha tukagera ku isinywa ryayo. Indi ya kabiri, kwari ukubahiriza umutekano w'abantu n'ibintu. Indi nshinga ya gatatu, ni ukwita ku bibazo by'abavanywe mu byabo n'intambara, by'abavanywe mu byabo n'imvururu z'amoko yose zabaye mu gihugu.

(Musique)

***ORATEUR: HABIMANA Kantano de la RTLM*:**

**Cassette n° 0096 transcrite par M.B.**

RTLM ivugira i Kigali. Twarimo tubagezaho amakuru ee... nari mbabwiye yuko mugiye kumva ijambo ee... Ministre w'Intebe madamu UWIRINGIYIMANA Agata yavugiye ee... mu Ruhango, ee... bon ngiye kubumvisha iryo yavugiye mu Ruhango hanyuma noneho ndaza kubumvisha iryo yari yavuze... yavugiye kuri STADE AMAHORO namwe muze ku... kunyumvira ibintu ukuntu bitandukanye umuntu akibaza ee... uwo bacengana.

***ORATEUR: Madame UWIRINGIYIMANA Agathe, premier ministre***:

Ejo ngo habaye kunga ubumwe bw'Abahutu, Abahutu bo muri MRD, Abahutu ngo aho bari hose ngo b'aba CDR, Abahutu ngo b'aba PARMEHUTU, iyo ni yo ntego? Twari dufite intego yo gutsinda Ikinani, turashaka kugihagurukira n'ubu ngubu kuko ntituragitsinda (acclamations). Intego yacu ndabisubiramo ntabwo ari iyo kunga Interahamwe n'aba JDR bacu, intego yacu ni iyo gufata aba JDR bakatujya imbere, abasaza n'abakecuru b'abarwanashyaka tugatsinda Ikinani ntabwo twahagurkijwe n'ubwoko.

(Musique)

***ORATEUR: HABIMANA Kantano, de la RTLM***:

... kumva Radiyo RTLM, Radiyo yigenga ivugira i Kigli. Amakuru y'u *Burundi na none* akomeje kutugeraho, mu kanya nababwiraga yuko Ministre MINANI yavuze yuko... ee... Ministre w'Ubu... camanza yagezè ino yihishe ni byo ari ino, nababwiraga ko hari abaministre kugeza ubu tuzi neza ko... ee... bariho ee... kubera ko twabumvise bavuga, ee... none rero tumaze kumenya noneho ko ee... uyu *munsi* Inama ya Leta yateranye iyobowe... Inama ya Leta y'u Burundi yashyizweho ee... na Nyakwigendera NDADAYE, yateranye ee... iyobowe na Ministre w'Intebe Siliviya KINIGI. Ee... ndumva rero ibintu bitangiye kujya mu buryo, ba banywi b'amaraso ndabo... ndumva barimwo ba...tsindwa.

Mukomeze mwumve Radiyo RTLM, Radiyo yanyu ivugira i Kigali, Radiyo ibaganiriza, Radiyo itari inyarugomo nk'uko *Noheli* yavuze ngo ee... *yihaniza abaministre utwanduranyaho*, ni Radiyo, Radiyo

RTLM Radiyo ivugira uu... ivugisha ukuri, Radiyo yigenga. Radiyo yigenga rero ee... ikora nyine ku buryo bwigenga ee... ntabwo ikora muzarebe... igihugu gikolonijwe n'ikidakolonijwe, muzarebe umuntu uboshywe n'uwibohoye ntabwo basa! Ee... ni yo mpamvu rero Radiyo RTLM ni radiyo ya mbere mu Rwanda yigenga ee... ndakeka rero yuko... ejo hatazava aho haza ba ruhotozi bakaniga demukorasi kandi twariyemeje ko umuntu atazanigwa mu ii... atazaniganwa ijambo.
(Musique... par BIKINDI)

**Communiqué:** Etablissements KABUGA Felesiyani

***ORATEUR: HITIMANA Noël de la RTLM*:**

... by'abandi kandi niko tugomba gukora tuvugisha ukuri. Radiyo RTLM ni Radiyo ifite... uh? Ifite ibyo igamije, ibyo igamije ni ukuvigisha ukuri, ukuri kose k'ukuri uu... bakadutelefona bakatubwira, abandi tukumva ukuri kwabo, abandi bakaza hano tukaganira, abandi tukagakorera aho duhuriye hose tukavugana, twakumva ari ukuri kugahita kuri Radiyo RTLM mukatwandikira tukabimenya; Radiyo RTLM ba koresiponda bayo abayigezaho amakuru bayo ni abantu bose Abanyarwanda abanyamahanga, abari mu Burundi abari mu Bugande abari ku isi yose bose bashobore kutugezaho amakuru nyayo y'ukuri kuko tumanza ku... natwe kuyareba tukamenya ko ari ukuri, bajye batubwira bati Kantano, Noheli, GAHIGI Gaspard, MBILIZI ii? Turi abanyamakuru. Bati icyo tuzi ni iki mukivuge kubera ko ari ukuri, "ukuri kunyura mu ziko ntigusha"! "Ukuri ntikwica umutumirano", uzica undi tuzamuvuga, uzabeshya tuzamuvuga natwe nitubeshya bazatuvuge nta kibazo kirimo.

Uyu munsi rero muri uyu mugoroba, mwari kumwe na Kantano, mwari kumwe na HITIMANA Noheli, mwari kumwe na... n'UMULISA kuri *technique*, kandi ibiganiro byacu... nizeye ko byari byiza! Twavugishije ukuri, turacyakomeza kuvugisha ukuri twababwiye iby'u Burundi uko tubitekereza n'uko tugenda tubikontrola, twababwiye ibyo dufite mu Rwanda ariko kandi... abafite agahinda baracyagafite, ntabwo... huum simvuze ngo nta... nta cyo nakongeraho, nta cyo nakongeraho nabwo ni ukuvuga. Mu minota cumi turaba dufite saa ine dusezera tubasezeraho mwese

**Cassette n° 0096 transcrite par M.B.**

mwese mukomeze mugire umugoroba mwiza, ijoro ryiza ni ah'ejo ejo ku munsi w'ingabo z'igihugu, ejo tuzaganira duhagaze bwumwa turi kumwe n'ingabo. (Musique ... 24.7)

**Fin de la face A.**

**FACE B**

***ORATEUR: HITIMANA Noël de la RTLM:***

... muri Perefegitura y'umujyi wa Kigali bwo gushyigikira Radiyo RTLM. Biro ya MDR mu mujyi wa Kigali, imaze kubona ibaruwa *Ministre* RUCOGOZA yohereje Perezida wa Radiyo yigenga RTLM iyi Radiyo mwumva, imaze kubona ko mu iye baruwa harimo umugambi w'iterabwoba wo kuniga itangazamakuru, imaze kumva icyo abandi barwanashyaka benshi ba MDR batuye mu mujyi wa Kigali babivugaho cyane cyane ko muri iyi minsi ushaka amakuru ayashakira kuri RTLM, yemeje gutangaza ibi bikurikira:

- icya mbere, icya mbere: Bire... Biro ya MDR mu mujyi wa Kigali ishyigikiye byimazeyo uburyo RTLM yadukurikiraniye ibikorwa by'ubwicanyi byakorewe abavandimwe bacu b'Abarundi.
- Icya kabiri: irasanga Minisitiri RUCOGOZA, afite umugambi mubi wo guhisha ukuri Abanyarwanda aniga itangazamakuru ryigenga.
- Icya gatatu: irasaba *Minisitire* RUCOGOZA gusobanukirwa akamenya gutandukanya itangazamakuru rya Leta n'iryigenga n'ibitekerezo bye bwite, kuko ibyo yita amabanga ya Leta afite, ii... amabanga ya Leta afite abashinzwe kuyabika bityo rero akaba adashobora kwivanga mu bireba itangazamakuru ryigenga, usibye ko bakoze ikosa yabiregera bakabihanirwa hakurikijwe amategeko.

Ryasinywe na Flodouald KARAMIRA, Perezida MDR, Kigali-PVK.

Amakuru rero turacyayakurikirana kandi n'amatangazo turacyayabagezaho, nongere nsubiremo muri iri tangazo rya Leta y'u Burundi ikorera mu buhungiro. Uhagarariye Leta yemewe y'u Burundi ikorera mu buhungiro Nyakubahwa Ministre w'Ubuzima, *docteur* MINANI Jean, yafunguye konti muri Banki y'Ubucuruzi BCR, Banke ya Kigali BK, na BACAR no mu mashami yazo amwe n'amwe kugira ngo zishyirweho amafaranga yo gushyigikira iyo Leta.

Umuntu wese ndetse n'amashyirahamwe bifuza gushyigikira iyo Leta y'u Burundi ikorera mu buhungiro, bashobora kujya muri izo Banki bakamenyeshwa izo konti, izo konti zafunguwe. Byakorewe i Kigali ku wa makumyabiri na kane z'ukwezi kwa cumi muri uyu mwaka na Ministre w'Ubuzima, docteur MINANI Jean uhagarariye Leta y'u Burundi, kandi yabisinye.

Ubu rero... amakuru turagenda tuyakurikirana, ee... twumva n'amaradiyo yo hirya no... no hino, ubu ngubu tumaze kumva kuri Radiyo y'i Burundi baragenda bahitishaho ee... si itangazo ni... ni ikiganiro, ikiganiro umunyamakuru wa Radiyo y'u Burundi yagize atya sinzi uko yabigenje ariko... abanyamakuru dufite uko dukora, yihisha muri Ambasade imwe asangamo Ministre NTIBANTUNGANYA eh Sylvestre. NTIBANTUNGANYA Sylvestre rero ni we mugabo mu Burundi, umwe mu bagabo mu Burundi... umwe mu bagabo mu Burundi abantu bavuga bati "dore umugabo"! Ni Secrétaire général wa FRODEBU akaba na Ministre MINAFFET, Ministre w'Ububanyi n'amahanga w'u Burundi.

We rero uko abivuga, nk'uko maze... kubikurirana, bamubajije bati "ese ko mwebwe mutava mu... muri izo za Ambasade murimo kandi... Ministre w'Intebe yavuze ko n'ibibuga by'indege tugiye kubifungura, imiryango igafungurwa n'imirihanda igafungurwa n'amatelefone byose bigafungurwa", ati "kuki mutemera kujya muri za ministeri zanyu musanzwe mukoreramo ngo noneho mukore"? Yamushubije muri make ati "twebwe ba FRODEBU", ati "ndavuga mu... mu ijwi rya FRODEBU

kubera ndi Secrétaire général w'ishyaka rya FRODEBU", ati "twebwe aba FRODEBU n'ubusanzwe twamenyereye gukorera mu buhungiro", ati "niba rero ibintu bitatunganye ngo bijye mu mucyo bigire inzira, amahanga, abadukunda batwohereze ingabo z'amahanga zihagarike bariya ba... basoda babita abasoda, ii? Ati "babahagarike tubone umutuzo tuje muri izo za ministeri tuzi ko turinzwe" ati "twebwe tuzakomeza twibere mu buhungiro, ati "kandi na Leta yacu iri mu buhungiro ikora, Abarundi bajye biyumvira icyo ivuga" ati "Leta yacu iri mu buhungiro irabugumamo ariko kandi irakora". (silence...5.2... 5.3).

... su nk'uko nyine bagira ngo iyo isasu rirashe ntawe risiga, uwo rihuye na we wese arapfa udapfuye aramugara. Ariko kandi si amasasu gusa agira nabi (inaudible) ariya masasu (inaudible) Kuzaguca ukuguru, iyo gataguciye ukuguru bakuvanamo amaso. Nabonye abacitse amaguru yombi, nahabonye abacitse amaboko yombi, nahabonye abatagira akaboko kamwe, nahabonye abatagira amaguru, abatagira ukuguru kumwe, nahabonye abagomba gutamikwa kugira ngo barye, si nk'u... (arimyoje) ka ndeke kuvuga! Ngo byambabaje si? Ni agahinda nahasanze. Niba Komanda wa *compagnie médicale* nahasanze ucunga ibyo bitaro mbabwije ukuri na we yacitse ukuguru! Uu? Ni Lieutenant David. Uu!

Nshuti mwumva Radiyo yanyu Radiyo RTLM kuri uyu munsi w'ingabo, simvuze ngo ni umunsi w'ibyishimo ariko kandi simvuze ngo ni umunsi w'agahinda, mu Rwanda agahinda kacu kari mu nda. Reka mbaze (inaudible) Lieutenant David ukuntu abyifatamo muri ibi bitaro kugira ngo bariya bantu bose bishime abone bariya bantu baseka bumva n'amaradiyo, bishime ukuntu abyifatamo.

***ORATEUR: Lieutenant David*:**

Ee... urakoze munyamakuru, bariya bantu babyifatamo neza kubera ko cyane cyane duhuje ibibazo. Ububabare bagize ndabuzi kuko najye narabugize, abenshi narabategetse turarwanana, abandi bagiye biyita... (inaudible) tugatabara hamwe ku buryo imvune n'ingorane bagize zose nzizi nta wushobora kumbeshya ngo uyu ababaye kuruta uyu, bityo rero bigatuma nshobora kubamenya ngashobora

gufatanya na bo. Na bo kandi bazi ko nta kindi mbakinga (inaudible) niba ibintu bitunaniye ni uko na bo nta handi baduhishe. (Silence).

- *H N :* Ubu ngubu njye... mbonye abenshi ari abasore, besnhi mu ngabo z'u Rwanda ni abasore abasore, ni abasore rwosi b'ingufu bakomeye. Bariya basore... ku bwawe iyo ubirebye buri umuntu agira akababaro ke undi akagira ake, hari igihe bishima n'igihe ubabaye, iyo bageze mu byishimo mukora iki? Iyo babaye ubigenza ute?

- *L^t David:* Ubu... ibyishimo byabo n'akababaro kabo byose ndabimenya, kubera ko nyuma y'amasaha y'akazi ngomba kubasura gatatu mu cyumweru nimugoroba, ee... nasanga bakina ibintu bya dame, amakarita tugakina kugira ngo dushobore gu... gufatanya mu gutekereza. Ikintu rero cya mbere kibababaza ni uko aha... iyo ba... iyo bageze hanze babitegereza nk'aho ari ikintu cy'inzaduka, bigatuma icyubahiro bagombye guhabwa rimwe na rimwe kigenda kiba gike. Yarenga ku muhanda yatega tagisi ugasanga hari nk'umupasaje umwe umuhemye, uwundi akamuciraho, bariya bari mu tugare akaba ari buze kugenda wo kugenda ahagaze kandi adashoboye ku... ku... no kwicara bimuvunnye,(inaudible).

Ikintu kibashimisha Noheli rero nk'ubu twe... nk'uko wahoze utuba... reka mbanyarukane njye kubareba ibyo birabashimisha. Nk'iyo Koloneli avuze ati reka nanjye mbasure birabashimisha. Iyo... Chef d'Etat major avuze ati "ngiye gusura ingabo zacu zatubabariye" ibyo birabashimisha. Ikintu kibashimisha ni uko hari ikintu gikorwa kerekanwa ko... cyerekana ko batatereranwe kandi ko abategetsi aho bari hose babazirikana.

- *H N:* Ee... inshuti mwumva Radiyo yanyu Radiyo RTLM, uyu munsi twizeye ko... muri buze gukurikirana Radiyo yose, mukumva n'icyo abategetsi bacu batekereza ku ngabo z'igihugu. Ariko kandi, hano... muri *camp Colonel MAYUYA* uyu Lieutenant David turi kumwe, ndagira ngo mubaze niba... niba muri iki (inaudible) na Radiyo rwose ati "hari ingabo zacu zikennye". Ati "nka Radiyo...

n'uyu munsi" nti Radiyo RTLM ibyo ivuga mukumva ibyo amaradiyo yo hanze avuga ku... (inaudible) mu bitekerezaho iki?

- L' D : (inaudible) ahubwo icyo twibaza ni kimwe mbese n'Abarundi bagiye kuba nkatwe? Ubu rero abanyapolitike iyo bareba ukuntu ikibazo bagitunganye vuba na bo bataragira home nk'iyo ubona y'ibimuga gusa n'impumyi n'iki bagakiza abantu babo, kuko natwe iyo tubimenya mbere tugasho... tukagira uko twakwifa ngo abantu bacu bakire ntidutungurwe ntabwo tuba dufite ibi bimuga ureba. Ubwo rero Abarundi na bo bareba ukuntu bakwiyoruganiza bagateshera bityo ntiba... ntibagire ibimuga nk'ibyo dufite.

- *H N :* Hano... ngize imana mpura na Muganga mukuru ushinzwe ibi bitaro mu kanya navuze ngo... (arasetse) ngo ni Liyetena David ushinzwe ibitaro we ni Lieutenant aa... David ashinzwe ni (inaudible) ya *compagnie médicale* ngo ni agace kamwe k'ibitaro. Ushinzwe ibitaro rero ni Liyetona Koloneli ni Muganga... Muganga BARANSARITSE. Ngize Imana mpuye na we muri corridor, hum, ariko nagira ngo ambwire na we ibi bitaro bye kuko nabonyemo n'abasivile uh! Nkakeka yuko wenda ko ari... abamadamu b'abasirikare cyanga abaki ariko abantu murumva... n'abo hanze bose bavurirwa hano kuko muri ibi bitaro bafite impuhwe.

***<u>ORATEUR: Lieutenant colonel BARANSARITSE, directeur de l'hôpital militaire de Kanombe</u>*:**
Ni uko murakoze... Bwana Noheli, ee... ni koko (inaudible) ee... n'abasivile turabavura n'ubwo... ee... kubera intambara ee twavuye cyane cyane abasirikari ee... iby'iyo ntambara aho bikomereye, ubu ntabwo byari gushoboka ko n'abasivile baza hano ariko ubu ngubu ee... dufite agahenge dusigaye tuvura n'abasivile. Ee... uko ibitaro biteye, harimwo abarezerviste cyane ndetse n'abagabo bari aho abenshi ni abaspesiyaliste ni cyo gituma rero mwumva ko rimwe na rimwe abasivile bumva bashaka i Kanombe, kandi tukaba dufite na laboratwara... na laboratwari ikomeye, iyo laburatwari ikagira vuba ee... urumva umurwayi iyo aje kwivuza bakamugirira vuba sinumva ukuntu utagaruka. Hari na... uretse no kugira vuba ee... hakaba n'abantu b'inyangamugayo ee... bazi kuvura kandi... bi... avugisha

abarwayi neza. Nuko murakoze.

- *H N :* Ariko se kuva intambara yatangira uretse ko mbere yaho nari mbizi neza ko mwavuraga rubanda rwose, kuva intambara yatangira aha mukagira abamugaye, ibimuga bingana gutya mwebwe muri *chef de service* bo ku... *chef de service* wa *santé* muri *armée rwandaise*, urumva ukomeye mu gihugu cyose ubuzima bw'abasirikari ih? Abasirikari bose urebye ni mwebwe bureba: ibikoresho, imiti, mbese byose aribyo igihugu cyacu baravuga bati "gifite ingorane" hari ingorane, waba ufite kugira ngo ukore uu... ube udakora neza cyanga se urabona... mwihangana mugakora?

- *L^t Colonel* : Ee... nuko murakoze bwana Noheli, mu kazi kose nta muntu wabuza... tugira ingorane, ariko... tugerageza ee... hano... ee... kuzisimbuka, kugerageza ku... ee... uu... kureba ukuntu twa... twazibonera umuti, ee... ni cyo gituma ee... usanga rimwe na rimwe kenshi ntabwo dukunda kubura imiti, hano ntabwo hakunda kubura matériel ariko cyane cyane ni ukubera Ministère y'Ingabo z'igihugu itwitaho cyane. Yee... wavuze ko nshinzwe abasirikari ee... b'igihugu cyose ni byo, urumva rero ee... ntabwo na... kora uwo murimo ntafashijwe ni... na Ministère y'Ingabo z'igihugu, hanyuma hari na... n'abandi bagiraneza ee... batubonera *matériel* ee...*médico-chirurgical* nk'Ububiligi nk'uko wabonye ko... ubonye ko ibitaro byubatse ni Ababiligi babyubatse, Ababiligi rero na bo baradufashije cyane ndetse tunakoranya na bo hari... umu *chirurgien* donc umuntu ubaga, uwo muganga wabyigiye... ee... wize kubaga, umuganga usinziriza abo bombi akaba ari Ababiligi, hakaba n'undi uvura uko bisanzwe na we akaba ari Umubiligi. Ni ukuvuga ko dufite Ababiligi batatu hano badufasha ee... iyo ngo... iyo ngorane rero ugasanga ee... tuzibonera ibisubizo.

- *H N* : Murumva nshuti mwamva Radiyo yanyu Radiyo RTLM ko... mu gisirikari uyu munsi nababwiye ee... mu basirikari mbonye hano mu ibimuga maze niba uyu munsi uretse ko asanganywe agahinda ke niba hari akandi gahinda afite kuko... ubusanzwe kuri uyu munsi hein! Cyera ngo hakiba animasiyo, animasiyo itakiriho ariko bari bafite ukuntu bishima. Uyu munsi murishimye?

**Cassette n° 0096 transcrite par M.B.**

***ORATEUR: Caporal BIZIMUNGU Marcelin (Kulubani):***

Ee... ndi Kaporali BIZIMUNGU Marcelin bita Kulubani nkaba mba hano muri *compagnie médicale*. Uyu munsi w'ingabo z'u Rwanda turawishimiye bikomeye cyane, turawishimiye nk'uko ubundi twebwe ibimuga, kuri uyu munsi twongeye kwishima kubona twongeye kuwubona ntitwari tuzi ko twawugeraho! Ariko kubera... morali yacu twifitiye na n'ubu ngubu n'ubu... na n'ubu ngubu turakomeza tu... tugiye gukora muri aka kanya. Ni yo mpamvu twishimiye no kubona turi kumwe ndetse na mwe mukora kuri Radiyo RTLM.

- ***H N :*** Wambwiye izina ryawe ariko kandi nkubajije nti mbese iwanyu ni he? Ababyeyi bawe wabifuriza iki kuri uyu munsi wanyu? Ukambwira niba n'umuzika... mujya mukunda BIKINDI ndabizi, abasirikari bakunda umuzika wa BIKINDI, niba ari ngombwa ukatubwira uti mushyireho BIKINDI ariko kandi nabo ukabaramutsa, radiyo RTLM ntiragera harya mu Rwanda hose ariko uri i Kigali ashobora kugera iwanyu akavuga ati yarabaramukije.

- ***B M :***Ee... cyane cyane kuri uyu munsi twagize, ee... ababyeyi banjye ni papa... (inaudible) BAJYAGAHE André muri komine Rwerere ku Gisenyi (silence) umugore wa mukuru wanjye NYIRAHABIYAMBERE Elina utuye ku Muhima, akora kuri disipansere hano i Kigali n'abana boze, abana banje bombi; imfubyi zanjye zombi gutyo na zo zishimire uyu munsi kandi nzi ko na bo bakurikira Radiyo RTLM. Abagenzi banje bose ba hano *camp Colonel MAYUYA* yane yane nifatanye n'ibimuga none na... na les aveugles tubana n'abayobozi batuyobora bamwe murababona kuri uyu munsi mukuru wacu nabo barishimye, ariko indirimbo yane yane nasaba, mushyiremo BIKINDI nibura... nibura mutugezeho indirimbo bita "Bago mago".

- ***H N :*** Murakoze, murakoze kwishima kuri kwinji, aravuze ati "njye nishimiye ko iyi tariki iriho, nkiriho" ni byo koko. Uh! "Utabusya abwita"! "Uwo rwigeze ni we urumenya"! Ni ukuvuga ko bo ngo ahaa... mbona bucya, ngo "MBONABUCYA ni umwana w'Umunyarwanda". Ibyo twaramwigeze yararubonye ati n'impumyi koko nshuti mwumva Radiyo yanyu radiyo ya RTLM, hano

uharebye utahazi ukahabyirwa gusa, utabasuye ngo ubarebe uretse ko no kuhasura bikomeye kuko ni mu kigo, birakomeye! Uh! Ariko ndabibabwiye rwose njye ndabyibonera ndi hano aho nkorera iki kiganiro ni mu kigo ni mu bitaro, aba bagabo ii... bari abagabo. Reka mbaze n'undi na we ambwire... uko we yifashe kuri uyu munsi kubera ko... bamwe baravuga bati... "hari ibyabaye mu Burundi byatubabaje", abandi bakavuga bati "kuramba ni ukuramuka twe tura... turacyariho", nambwire uko we abyumva?

- ***Non identifié***: Yee... uko mbyumva se? Twebwe aho turi hano tumaze... kumenyera ubumuga na bwo dukururanye n'intambara iriho iki gihe n'igishize ntabwo umuntu yabona uko yabivuga na byo mbese ni akagendererano k'iby'isi kuko umuntu atabona uko yabivuga. Uragera mu bimuga, wagera mu bacitse amaguru, wagera... mu... bapfuye amaso, mu tuboko twombi cyangwa se utuguru ariko kureba wareba n'abacitse akaguru ukabona nta kundi wabigenza. Iby'iki gihe, iby'intambara ni ukwirebera ubuzima n'iki gihe kindi turimo nta washobora uko yabona yabigenza kuko nta kundi bigomba kkumera. Mu kanya ee... turaza kuba twishimye, twibumbiye hamwe turi kunyeganyega sinavuga ngo kwiterura ibyo na byo ni nk'aho ari ibyo barota. Munyamakuru Noheli, ndishimye kuba nongeye no kuvuga bwa mbere kuri radiyo nkavugira kuri RTLM, na Noheli akaba ari bwo bwa mbere tubonanye bikaba binejeje cyane, ni ibyo. Bantijije inkoni ngiye gucika akaguru ukare... ukareba uri nko hanze ugenda ukabona barakureba nk'igisebe ibyo bi... yego si rusange, ariko uu... njye sinabona uko navuga n'umuntu... (inaudible).

- ***H N :*** Nshuti mwumva Radiyo yanyu, Radiyo RTLM abo bagabo nabarebye... (inaudible) mu bagabo gusa nabarebye... ndareba nti mu Rwanda abadatekereza turi mu majyanyuma cyangwa se turi mu majyambere? Cyangwa iki? Kubera ko... nabarebye ii... mfite ijisho rireba Abahutu n'Abatutsi bose barimo! Nibajije nti mbese muri iki gihugu turi... turapfa iki? Ko ubona Abatutsi bacitse amaguru, bavanywemo amaso, ko mbona Abahutu bacitse amaguru n'amaboko bavanywemo amaso ubu none ko bari mu bitaro bimwe, kuri uyu munsi w'ingabo izi ni ingabo bangirije ih! Mwana wa mama urabibona ute? Tuzasana imitima cyanga nta yo tuzasana?

**Cassette n° 0096 transcrite par M.B.**

K0210841



- ***N I :*** Tuzasana imitima. Tuzasana imiti... imitima kugira ngo... mbese tugire amajyambere.

- ***H N :*** Uyu... mugabo amaze kuvuga ati... ati "gusana imitima" ati "tuzayisana" ariko Mon Lieutenant hari ukuntu umuntu yakwibaza icyo kibazo cyanga wakimbaza?

- ***N I :*** Urakoze Bwana Noheli, ibyerekeye gusana imitima ndagira ngo umutima tuwugereranye n'igitebo. Hari igitebo gisaza kikageza igihe utagishoboye kugisana ukakijugunya. Hari igitebo gisaza ariko ushobora kubona wagira ikintu ukoreshaho ukagisana ugakomeza ukagikoresha, hari n'igitebo kitagize icyo kiba ukomeza gukoresha. N'imitima hari imitima imeze nk'ibyo bitebo nakubwiye uko ari bitatu. Wowe muri iyo mitima uwo wabona wasanwa ni uwuhe? Ese wasanwa ute? Iyo se idashobora gusanwa nabusa si twakora iki kugira ngo isanwe? Urakoze.

- ***H N :*** Urakoze, ikibazo umbajije kirakomeye kuko... mu kiganiro nagize na Godefroid utegeka amataransiporo muri ee... MINITRANSCO, mwaracyumvise mwaragikurikiye, uwo mugabo yarambwiye ati "Noheli ikibazo kiriho ni ikibazo kigaragara kizwi, abantu benshi barebera bakakirebera bakizi", bati "ni ikibazo Hutu Tutsi" bati "Abahutu n'Abatutsi bakumvikanye umuntu akamenya icyo ari cyo undi akamenya icyo ari cyo byagutwara iki"? Reka nguhe rero akantu kateye abantu ikibazo.

Hari u... muntu wantelefonnye mu gitondo, ni umudamu d'ailleurs. Uh! Ati "Noheli rwose ntimuzongere kuvuga kuri Radiyo yanyu RTLM ko Abatutsi bafite amatagisi ari mirongo irindwi ku ijana y'amatagisi yose ari muri iki gihugu". Ati "ibyo bintu ndakwamaganye ndakubujije". Ndamubwira nti ese *statistique* aho ziri hose ku isi nta muntu uzibuza kumenyekana. Umuntu w'umukire wa mbere ku isi yandikwa mu bitabo bakamumenya ku isi yose. N'umukene wa nyuma ku isi burya na we baramuvuga ni umukroshari ashobora kuba ari i Paris cyanga ari i Kigali. Ibyo rero kuvuga ko abantu bafite umukiro ungana gutya, kubivuga si bitwaye iki? Ih? (Inaudible)

**Cassette n° 0096 transcrite par M.B.**

Mbese umutima wawusana ute? Ese abamennye iyo mitima cyanga abifuza kuyisana, babyiyemeje bagahura bakagira bati cya gitebo wenda icyasandaye cyarasandaye si byo uh? Ikigikanyakanya wenda umuntu yapfa gushyiramo utundi... tugoyi agasanasana. Ikikiri kizima kigiye gutembagara bakakiramira hakiri kare noneho tukamenya ko twasana ibishoboka, ibyagiye byaragiye nk'uko nyine nabajije uyu musirikare nti mbese mu Burundi bite? Uh? Niba byara... byararangiye, ibyarangiye byararangiye burya iminsi irahita indi ikaza ariko kandi abantu basana ibishoboka bitashoboka akaba kakaba ntimuri abasirikari se? Nshuti... reka tukomeze twiganirire, wenda uramutse ababyeyi n'inshuti zawe.

*- NI :* Yee... murakoze munyamakuru wa radiyo RTLM, mukaba mumpaye rero ku...gira icyo ngeza kuri mama na barumuna banjye cyane cyane MUKANTWALI Mariya batuye ku Gikongoro muri Komine Karama i Kiraro, ee... na madamu wanjye n'umwana wanjye SIBOMANA Gaspard (inaudible) kugira ngo cyane cyane ishimishe ee... na... na mama Venansiya muka... Venansiya MUKANDEKEZI batuye mu Gitega i Kigali. Nkagira ngo n'ubundi nshimishe mukuru wanjye uri i Bugesera wo kwa mama wacu na barumuna banjye batuye i Ngenda, n'abavandimwe duturanye b'u Burundi. Iyo ndirimbo ni "Tout le monde kadavere". Nkaba ngira ngo na none yongere ishimishe abavandimwe bacu twamugariye hamwe ku rugamba, nkagira ngo na none yongere ishimishe ee... inshuti n'abavandimwe mu kwifatanya mu kababaro turimo k'abavandimwe bo mu gihugu cy'u Burundi. Nkaba ngira ngo cyane cyane nongere nyisabire abaturenganya bo sinatinya kubavuga kuko ari *tout le monde*, uba uri *tout le monde kadavere*.

*- HN :*Ee... ndacya... (inaudible) n'aba basirikari na... ni , cyane imbabare, imbabare... babitewe n'iyi ntambara tumazemo imyaka itatu. Ibi bimuga, nta by'amashyaka birimo ni ibimuga rwose... ariko kandi uko bameze nk'uko nabibabwiye bameze neza bumva umuzika wabo neza, RTLM bayumva neza uretse... uretse akababaro kamwe bafite ngo basohotse hanze hari abantu babanenga bakabareba nabi ndetse bagashaka no kubaciraho ih! Ubwo abo bantu bariho kandi n'ubu arumva. N'ubu barumvise, hum! Ibyo biriho nta cyo bahishe ni ko bimeze. Ariko se kandi reka mbaze uwo musirikari

mubaze... niba no mu buzima bwe bwite n'ubwo yabaye ikimuga niba abona... hano mu... muri ibi bitaro muri iki kigo niba abona abo babyeyi babana na we batamufata neza?

- ***N I :*** (Arakoroye). Murakoze, hano muri bino bitaro tu... tubona rwose nta kibazo bigenda neza ku buryo nta... nta mbogamizi, iyo ibibazo byavutse turabivuga bakabisobanura bigatungana.

- ***H N :*** Hanyuma se mwe... wowe mu myidagaduro uretse ko... (inaudible) ba... bateye ikibazo, uretse ko nasanze nawe ufite radiyo hano hirya mu myidagaduro yanyu nimugoroba nabonye mufitanye ibisoro byinshi na... nabonye mukina ibisoro cyane ih?

- ***N I :*** Hum.

- ***H N :*** Mwifuza kugira ngo... nka... Lieutenant colonel uyu muganga wanyu yajya abasura kangahe mu cyumweru cyanga afi... aa... abarebe kangahe?

- ***N I :*** Umva buri gihe cyose, buri gihe cyose atugeraho akatureba tukavugana, nta gihe na kimwe ahwema kuza ku... kugera aho turi ngo tuvugane buri gihe cyose aba asura ibitaro asura abarwayi bose ba... areba uko bameze.

- ***H N :*** Noneho k'uyu munsi ni munsi... w'ingabo, uretse ko abenshi muri mwe bajya bambwira (arimyoje) bati... bati "ubundi twarishimaga kubera ko nyine aba ari umunsi wacu baduhaye", bati "ariko... urebye byonyine uko bimeze", (arimyoje) bati "uyu munsi... uretse ko BIKINDI ari buze kudukiniraho wenda tukiyibagizaho gato, no ku ishavu dusanganywe tukiyibagiza ho gato iby'i Burundi ati "ariko nta kigenda, nta kigenda kubera nyine ibyo by'i Burundi". Wowe ubyumva ute? Icyo wifuza ko... (inaudible) n'Abarundi ni akahe?

- ***H N :*** Ibyo kwi... ibyo kubyina tukishima ntabwo ibyo ngibyo bya... byatunezeza, kuko ntabwo

byaturutira aba...abavani... abavandimwe bacu, kuko abo bavindimwe bacu twarababuze, nta n'ubwo twabyina ngo twishimye kuko baba bapfuye, uh! Kandi mbere iminsi y'ingabo yego twarishimaga, none kugeza ubu tumaze igihe mu ntambara bamwe twarangiritse, n'abari bazima na bo ubu ntago bifashe neza ntago bishimye kubera ibirere kubera ku gihugu ki... duturanye cy'inshuti, urumva ko ntabwo twa... twajya mu myidagaduro ngo twishime, tugomba gufatanya ee... akababaro n'aba... n'abavandimwe bacu.

- ***HN:*** Noneho gira... *akaririmbo watura ababyeyi inshuti* n'*abavandimwe* ee... b'iwanye, iwanyu... ntabwo wambwiye Komine zanyu ariko ubu urayivuga.

- ***NI:*** Ee... murakoze, munsabye ko navuga akaririmbo natura abantu b'abavandimwe bo mu rugo, nashakaga iriya ndirimbo yo... yo baririmba... "Mbwira abumva", maze ee... none iyo ndirimbo nkaba ngira ngo niba aa... ya... yakumvwa n'ababyeyi banjye n'abavandimwe cyane cyane n'aba... n'abasirikare babaye nka njye, n'abandi bose b'ikigo cyi... cy'i Kigali, n'aba... n'abasirikari bose aho bari hose aho bari. Bon, ee... nitwa MUTABAZI Edouard, Komine Rusumo, Segiteri Kirehe, Perefegitire Kibungo.

- ***H N:*** Nshuti mwumva Radiyo yanyu radiyo RTLM, ubu nari mu kigo ee... cy'i Kanombe, ikigo bitiriye Koloneli MAYUYA, abo nganiriye na bo mwumvise ko ari bake, ni bake ariko... bageze kuri batanu. Ariko kandi ni benshi bihereje ngo tuganire na bose, bwakwira bugacya. Ni yo mpamvu, ni yo mpamvu rwose.jyewe icyo mbasabye, gukomeza kumva uyu umuzika mubatekereza, mutekereza izo... ingabo zanyu ariko kandi mukamenya ko *morale* yabo ari *haute*.

(Musique) abantu basubire mu kazi bagire bate, ahubwo bongere bababwire bati mureke kwica. Uh! Dore nko... nk'uko abimbwiye ati "ku itariki ya makumyabiri na kane muri uku kwezi kwa cumi icyenda na gatatu", ati "muri *Ecole normale de* Kirindi... Ecole normale y'i Kirindi muri *province* ya Gitega, ati "uwo munsi wonyine bishe abana b'abanyeshuri mirongo irindwi". Murumva rero ko ni

K0210845



akaga, ni akaga!

**Fin de la cassette.**

**Cassette n° 0096 transcrite par M.B.**